

ITEGEKO N°26/2011 RYO KUWA 27/07/2011
RYEREKEYE IMYISHYURIRE
Y`ABAHOHOTEWE N`INYAMASWA

LAW N°26/2011 OF 27/07/2011 ON
COMPENSATION FOR DAMAGES CAUSED
BY ANIMALS

LOI N°26/2011 DU 27/07/2011 PORTANT
INDEMNISATION DES PREJUDICES
CAUSES PAR DES ANIMAUX

ISHAKIRO :

TABLE OF CONTENTS:

TABLE DES MATIERES :

UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE

CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS

CHAPITRE PREMIER :
DISPOSITIONS GENERALES

Ingingo va mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Ingingo va 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

UMUTWE WA II: AMAHAME
ASHINGIRWAHO MU KUBARA
INDISHYI

CHAPTER II: COMPENSATION
CALCULATING PRINCIPLES

CHAPITRE II : PRINCIPES DE
CALCUL D'INDEMNISATION

Ingingo va 3: Ibyiciro by'indishyi

Article 3: Categories of compensation

Article 3: Catégories d'indemnités

Ingingo va 4: Indishyi zihabwa abo mu
muryango w'uwishwe n'inyamaswa

Article 4: Compensation to the family members
of the person killed by an animal

Article 4: Indemnités allouées aux
membres de la famille de la personne
tuée par un animal

Ingingo va 5: Indishyi zihabwa
uwakomerekejwe n'inyamaswa

Article 5: Compensation to the victim of
corporal injury caused by an
animal

Article 5: Indemnités allouées à la victime du
préjudice corporel causé par un animal

Ingingo va 6: Indishyi zihabwa
uwangirijwe ibye n'inyamaswa

Article 6: Compensation for loss or
damage of property

Article 6: Indemnités pour dommages matériels
causés par un animal

Official Gazette n° 34 of 22/08/2011

Ingingo ya 7: Uburyo bwo kubara indishyi n'ibindi bigenerwa uwahohotewe n'innyamaswa

Article 7: Modalities of calculating compensation and other payments to the victim of damage caused by an animal

Article 7: Mode de calcul des indemnités et autres paiements dus à la victime des dommages causés par un animal

Ingingo ya 8 : Igihe cyo kwishyura

Article 8: Payment period

Article 8: Délai de paiement

Ingingo ya 9 : Abagenerwa indishyi

Article 9: Persons entitled to compensation

Article 9: Personnes ayant droit aux indemnités

Ingingo ya 10 : Kuregera urukiko

Article 10: Filing a case with the court

Article 10: Saisine de la juridiction

Ingingo ya 11 : Gukurikirana uwagize uruhare mu gutuma inyamaswa ihohotera umuntu

Article 11: Legal action against the person responsible for damage caused by an animal

Article 11: Action contre la personne responsable de la survenance des dommages corporels ou matériels causés par un animal

UMUTWE WA III: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER VI: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VI : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 12: Ingingo y'inzibacyuho

Article 12: Transitional provision

Article 12: Disposition transitoire

Ingingo ya 13: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 13: Drafting, consideration and adoption of this law

Article 13: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Ingingo ya 14: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 14: Repealing provision

Article 14: Disposition abrogatoire

Ingingo ya 15: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 15: Commencement

Article 15: Entrée en vigueur

Official Gazette n° 34 of 22/08/2011

ITEGEKO N°26/2011 RYO KUWA 27/07/2011 RYEREKEYE IMYISHYURIRE Y'ABAHOHOTWE N'INYAMASWA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite mu nama yawo yo kuwa 20 Kamena 2011;

Umutwe wa Sena mu nama yawo yo kuwa 11 Werurwe 2011;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003, nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 16, iya 62, iya 66, iya 67, iya 88, iya 89, iya 90, iya 92, iya 93, iya 94, iya 95, iya 108, iya 118 n'iya 201;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n° 04/2005 ryo kuwa 08/04/2005 rigena uburyo bwo kurengera, kubungabunga no guteza imbere ibidukikije mu Rwanda;

LAW N°26/2011 OF 27/07/2011 ON COMPENSATION FOR DAMAGES CAUSED BY ANIMALS

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of June 20, 2011;

The Senate, in its session of 11 March 2011;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 04 June 2003 as amended to date, especially in Articles 16, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 118, and 201;

Pursuant to the Organic Law n° 04/2005 of 08/04/2005 determining the modalities of protection, conservation and promotion of the environment in Rwanda;

LOI N°26/2011 DU 27/07/2011 PORTANT INDEMNISATION DES PREJUDICES CAUSES PAR DES ANIMAUX

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 20 juin 2011;

Le Sénat, en sa séance du 11 mars 2011;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 04 juin 2003 telle que révisée à ce jour, spécialement en ses articles 16, 62, 66, 67, 88, 89, 90, 92, 93, 94, 95, 108, 118, et 201 ;

Vu la Loi Organique n° 04/2005 du 08/04/2005 portant modalités de protéger, sauvegarder et promouvoir l'environnement au Rwanda;

Official Gazette n° 34 of 22/08/2011

Ishingiyeye ku Itegeko Ngenga n° 53/2008 ryo kuwa 05/09/2008 rishyiraho Urwego rushinzwe Iterambere mu Rwanda (RDB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byarwo nk'uko ryahinduwe kandi ryujijwe kugeza ubu;

Pursuant to the Organic Law n°53/2008 of 02/09/2008 establishing the Rwanda Development Board (RDB) and determining its mission, organisation, functioning as modified and complemented to date;

Vu la Loi Organique n° 53/2008 du 02/09/2008 portant création de l'Office pour la promotion du Développement au Rwanda (RDB) et déterminant sa mission, son organisation et son fonctionnement, telle que modifiée et complétée à ce jour ;

YEMEJE:

ADOPTS:

ADOpte :

**UMUTWE WA MBERE: INGINGO
RUSANGE**

**CHAPTER ONE: GENERAL
PROVISIONS**

**CHAPITRE PREMIER :
DISPOSITIONS GENERALES**

Ingingo ya mbere: icyo iri tegeko rigamije

Article One: Purpose of this Law

Article premier: Objet de la présente loi

Iri tegeko rigena indishyi zihabwa:

This Law determines compensation to:

La présente loi régit l'indemnisation destinée à :

- 1° uwahohotewe n'inyamaswa iyo ari yo yose bahuriye muri Pariki z'igihugu cyangwa n'ahandi hantu hakomye ari mu kazi cyangwa ahasura mu buryo bwemewe n'urwego rubifite mu nshingano;
- 2° uwahohotewe n'inyamaswa iri ku rutonde rushyirwaho n'iteka rya Minisitiri ufite imicungire ya Pariki z'igihugu mu nshingano ze bahuriye hanze ya Pariki cyangwa hanze y'ahandi hantu hakomye.

- 1° any person damaged by any animal encountered in the National Parks or other protected area during work or visit authorized by a competent authority;
- 2° any person damaged by any animal on the list established by an Order of the Minister in charge of conservation of National Parks, encountered outside the Park or outside another protected area.

- 1° toute personne victime des dommages corporels ou matériels causés par tout animal rencontré dans les Parcs Nationaux ou un autre endroit protégé, alors qu'elle est au service ou en visite autorisée par l'organe compétent;
- 2° toute personne victime des dommages corporels ou matériels causés par tout animal figurant sur la liste déterminée par arrêté du Ministre ayant la conservation des Parcs Nationaux dans ses attributions, rencontré en dehors du Parc ou en dehors de tout autre endroit protégé.

Ingingo ya 2: Ibisobanuro by'amagambo

Article 2: Definitions of terms

Article 2: Définitions des termes

Muri iri tegeko amagambo akurikira afite

In this Law, the following terms shall have the

Au sens de la présente loi, les termes ci-après ont

Official Gazette n° 34 of 22/08/2011

ibisobanuro bikurikira:

- 1° **amafaranga y'urugendo:** amafaranga yakoreshejwe mu kujya no kuva kwa muganga n'ayakoreshejwe mu kujya no kuva gukurikirana indishyi imbere y'urwego rubishinzwe ;
- 2° **indishyi mbonezamusaruro:** indishyi zihabwa uwahohotewe n'inyamaswa bitewe n'igihombo iryo hohoterwa ryamuteye ;
- 3° **indishyi z'akababaro:** indishyi zihabwa umuryango w'umwana cyangwa uw'umuntu mukuru wishwe n'inyamaswa ;
- 4° **indishyi z'ububabare bw'umubiri:** indishyi zihabwa uwahohotewe kubera ubusembwa yatewe n'iryo hohoterwa ;
- 5° **urwego rwishyura:** ikigega cyihariye cy'ingoboka ku bwishingizi bw'uburyozwe bw'impanuka z'ibinyabiziga bifite moteri bigendera ku butaka n'izikomoka ku nyamaswa ;
- 6° **uwahohotewe:** umuntu wishwe, wakomerekejwe cyangwa wangirijwe ibye mu buryo ubwo ari bwo bwose n'inyamaswa ivugwa mu ngingo ya mbere y'iri tegeko.

following meanings:

- 1° **transport fees:** transport fees to and from the hospital and transport fees to and from the competent authority during the process of claiming for compensation;
- 2° **compensation for pecuniary loss:** compensation granted to the victim due to the loss incurred;
- 3° **compensation for moral loss:** compensation granted to the family of a child or an adult killed by an animal;
- 4° **compensation for corporal injury:** compensation granted to the victim for aesthetic damage caused;
- 5° **compensating organ:** the special guarantee Fund for automobile and damages caused by animals;
- 6° **victim:** any person killed, injured or whose property is damaged in one way or another by an animal referred to in Article One of this Law.

les significations suivantes :

- 1° **frais de transport:** frais de transport aller-retour de l'hôpital ou les frais de transport aller-retour lors de la demande d'indemnités à l'autorité compétente;
- 2° **indemisation pour préjudices économiques:** indemnités accordées à la victime pour la perte subie;
- 3° **indemisation pour préjudices moraux:** indemnités accordées à la famille d'un enfant ou un adulte tué par un animal;
- 4° **indemisation pour préjudices corporels:** indemnités accordées à la victime suite aux préjudices esthétiques causés;
- 5° **organe d'indemisation:** Fonds spécial de garantie automobile et des dommages causés par les animaux ;
- 6° **victime:** toute personne tuée, blessée ou dont les biens sont endommagés d'une manière ou d'une autre par un animal visé à l'article premier de la présente loi.

UMUTWE WA II: AMAHAME
ASHINGIRWAHO MU KUBARA
INDISHYI

Ingingo ya 3: Ibyiciro by'indishyi

Indishyi ziri mu byiciro bikurikira:

- 1° indishyi zihabwa abo mu muryango w'umwana cyangwa w'umuntu mukuru wishwe n'inyamaswa;
- 2° indishyi zihabwa umwana cyangwa umuntu mukuru wakomerekejwe n'inyamaswa cyangwa uwahutajwe mu buryo ubwo ari bwo bwose bikamugiraho ingaruka;
- 3° indishyi zihabwa umwana cyangwa umuntu mukuru wangirijwe ibye n'inyamaswa.

Ingingo ya 4: Indishyi zihabwa abo mu muryango w'uwishwe n'inyamaswa

Abo mu muryango w'umwana cyangwa w'umuntu mukuru wishwe n'inyamaswa bahabwa indishyi zizizwe na:

- 1° indishyi z'akababaro;
- 2° indishyi mbonezamusaruro;
- 3° amafaranga yakoreshejwe mu kuvuza

CHAPTER II: COMPENSATION
CALCULATING PRINCIPLES

Article 3: Categories of compensation

Compensation is determined in the following categories:

- 1° compensation to the family members of any child or adult killed by an animal;
- 2° compensation to a child or an adult, victim of injuries caused by an animal, or harmed in one way or another and affected by consequences thereof;
- 3° compensation to a child or an adult for loss or damage to his/her property caused by an animal.

Article 4: Compensation to the family members of the person killed by an animal

Family members of a child or an adult killed by an animal shall receive the following compensation:

- 1° compensation for moral loss;
- 2° compensation for pecuniary loss;
- 3° medical expenses for the person who died

CHAPITRE II : PRINCIPES DE
CALCUL D'INDEMNISATION

Article 3: Catégories d'indemnisation

L'indemnisation est répartie dans les catégories suivantes :

- 1° indemnités allouées aux membres de la famille d'un enfant ou d'un adulte tué par un animal;
- 2° indemnités allouées à un enfant ou un adulte blessé par un animal ou préjudicié d'une façon ou d'une autre par un animal et affecté par des conséquences y relatives;
- 3° indemnités allouées à un enfant ou un adulte victime des dommages matériels causés par un animal.

Article 4: Indemnités allouées aux membres de la famille de la personne tuée par un animal

Les membres de la famille d'un enfant ou d'un adulte tué par un animal bénéficient des indemnités suivantes:

- 1° indemnités pour préjudices moraux;
- 2° indemnités pour préjudices économiques;
- 3° dépenses médicales pour la personne

Official Gazette n° 34 of 22/08/2011

uwahohotewe n'inyamaswa
bikamuviramo urupfu;
4° amafaranga y'urugendo;
5° amafaranga yo gushyingura.

following the harm caused by an animal;
4° transport fees;
5° burial fees.

décédée suite à un préjudice causé par un animal ;
4° frais de transport;
5° frais funéraires.

Ingingo ya 5: Indishyi zihabwa uwakomerekejwe n'inyamaswa

Article 5: Compensation to the victim of corporal injury caused by an animal

Article 5: Indemnités allouées à la victime du préjudice corporel causé par un animal

Uwakomerekejwe n'inyamaswa ahabwa:

Any person injured by an animal shall be entitled to:

La personne victime des dommages corporels causés par un animal bénéficie:

- 1° indishyi z'ububabare bw'umubiri zibarwa hakurikijwe ubumuga yasigaranye bwemejwe na muganga wemewe na Leta ndetse n'ibyo yatakaje;
- 2° indishyi mboneza musaruro;
- 3° amafaranga yose yatanzwe kwa muganga n'ayaguzwe imiti ayagaragarije ibimenyetso;
- 4° inyunganirangingo n'insimburangingo byemejwe na muganga wemewe na Leta;
- 5° amafaranga y'urugendo.

- 1° compensation for corporal injury in accordance with the level of disability ascertained by an authorized medical doctor and the loss incurred;
- 2° compensation for pecuniary loss;
- 3° all medical expenses after providing supporting documents;
- 4° prothesis and orthesis upon recommendation by an authorized medical doctor;
- 5° transport fees.

- 1° indemnités compensatoires suivant le degré de dommage physique subi et approuvé par un médecin agréé par l'Etat et les pertes subies ;
- 2° des indemnités pour préjudices économiques;
- 3° de toutes les dépenses médicales après présentation des pièces justificatives;
- 4° des prothèses et orthèses sur recommandation d'un médecin agréé par l'Etat;
- 5° des frais de transport.

Ingingo ya 6: Indishyi zihabwa uwangirijwe ibye n'inyamaswa

Article 6: Compensation for loss or damage of property

Article 6: Indemnités pour dommages matériels causés par un animal

Uwangirijwe ibye n'inyamaswa yishyurwa amafaranga ahwanye n'ibyo yangirijwe.

A person whose property was damaged by an animal shall be compensated on real-cost valuation.

La victime des dommages matériels causés par un animal à droit au remboursement des frais proportionnels au dommage subi.

Ingingo ya 7: Uburyo bwo kubara indishyi n'ibindi bigenerwa uwahohotewe n'inyamaswa

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena ibipimo, uburyo bwo kubara, ibisabwa n'ibikurikizwa mu gutanga indishyi n'ibindi bigenerwa uwahohotewe n'inyamaswa.

Ingingo ya 8 : Igihe cyo kwishyura

Nyuma yo kuzuzwa ibyangombwa, usaba indishyi agomba kumenyeshwa icyemezo cyafashwe bitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi.

Iyo impande zombi zimaze kumvikana, usaba indishyi agomba kuba yishyurwe bitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi ibarwa uherye igihe bumvikaniye. Iyo icyo gihe kirenze, ku ndishyi zitangwa hiyongeraho inyungu z'ubukererwe zihwanye na rimwe ku ijana (1%) ku kwezi.

Iyo hashize amezi atatu (3) habarwa inyungu z'ubukererwe uwahohotewe atarishyurwa, ashobora kuregera urukiko.

Ingingo ya 9 : Abagenerwa indishyi

Iyo ari umuntu wishwe n'inyamaswa, indishyi zihabwa uwo bashakanye iyo yari yarashatse, abana be, ababyeyi be n'abavandimwe be basangiye nibura umubyeyi umwe.

Article 7: Modalities of calculating compensation and other payments to the victim of damage caused by an animal

A Prime Minister's Order shall determine the rates, calculating method and criteria for determining compensation to the victim of damage caused by an animal.

Article 8: Payment period

After fulfilling all the requirements, the compensation claimant shall be notified of the decision within a period of thirty (30) working days.

After both parties have reached an agreement, the payment should be made to the claimant within fifteen (15) working days from the day of the agreement. At the expiry of such a period, a late payment penalty of one per cent (1%) per month shall be paid in addition to the amount of the compensation.

If payment is not made after three (3) months of late payment interest, the victim may refer the matter to Court.

Article 9: Persons entitled to compensation

If the deceased was killed by an animal, compensation shall be given to the spouse if he/she was married, his/her children, parents, brothers and sisters, half-brothers and half-sisters.

Article 7: Mode de calcul des indemnités et autres paiements dus à la victime des dommages causés par un animal

Un arrêté du Premier Ministre détermine les taux, les modalités de calcul et les critères de détermination des indemnités allouées à la victime des dommages causés par un animal.

Article 8: Délai de paiement

Après avoir rempli toutes les formalités, le demandeur d'indemnités doit être notifié de la décision prise dans un délai de trente jours (30) ouvrables.

Après que les deux parties se sont mis d'accord, le paiement doit être effectué dans un délai de quinze (15) jours ouvrables à partir de la date à laquelle l'accord a été conclu. Passé ce délai, un intérêt de retard d'un pour cent (1%) par mois est ajouté sur le montant d'indemnisation.

Si la victime n'est pas payée après trois (3) mois d'intérêt de retard, elle peut saisir la juridiction.

Article 9: Personnes ayant droit aux indemnités

Lorsque la personne est décédée du fait d'un animal, les indemnités sont allouées à son conjoint si elle était mariée, à ses enfants, à ses parents, à ses frères et soeurs, à ses demi-frères et demi-soeurs.

Official Gazette n° 34 of 22/08/2011

Iyo ari uwakomeretse indishyi zihabwa nyir'ubwite, iyo ataragira imyaka y'ubukure zihabwa ababyeyi be cyangwa umurera mu buryo bwemewe n'amategeko.

If the person was injured, compensation shall be given to the victim him/herself or to his/her parents or legal guardian if the victim is a minor.

Lorsque la personne est blessée, elle reçoit elle-même les indemnités dues, si elle est mineure ces indemnités sont allouées à ses parents ou à son tuteur légal.

Iyo ari ibintu byangiritse indishyi zihabwa nyirabyo amaze kugaragaza ibimenyetso byerekana ko ari ibye.

Compensation due to loss of property shall be given to the owner on presentation of ownership evidence.

En cas des dommages matériels, les indemnités compensatoires sont payées au propriétaire sur présentation de preuves de propriété.

Ingingo ya 10 : Kuregera urukiko

Article 10: Filing a case with the court

Article 10: Saisine de la juridiction

Gutanga ikirego mu rukiko bikorwa gusa iyo uwahohotewe cyangwa uwo mu muryango we ubifitiye ububasha atashoboye kumvikana n'urwego rushinzwe gutanga indishyi cyangwa hatubahirijwe ibivugwa mu ngingo ya 8 y'iri tegeko.

Filing a case with the Court shall only take place if the person damaged by an animal or his/her eligible family member does not reach any agreement with the compensation organ or when the provisions of Article 8 of this Law are not respected.

La saisine de la juridiction n'est engagée que lorsque la victime des dommages corporels ou matériels causés par un animal ou ses ayants droits ne tombent pas d'accord avec l'organe chargé de l'indemnisation ou lorsque les dispositions de l'article 8 de la présente loi ne sont pas respectées.

Ingingo ya 11 : Gukurikirana uwagize uruhare mu gutuma inyamaswa ihohotera umuntu

Article 11: Legal action against the person responsible for damage caused by an animal

Article 11: Action contre la personne responsable de la survenance des dommages corporels ou matériels causés par un animal

Iyo hari uwagize uruhare mu gutuma inyamaswa ihohotera umuntu, urwego rushinzwe gutanga indishyi rwishyura uwahohotewe ariko rugakurikirana uwabigizemo uruhare.

If it is established that someone has responsibility in occurrence of damage caused by an animal, the organ in charge of compensation shall compensate the victim and then cause the responsible person to be answerable.

Lorsqu'une personne a été responsable de la survenance des dommages corporels ou matériels causés par un animal, l'organe compétent paye d'abord les indemnités dues à la victime et se retourne ensuite contre la personne par la faute de laquelle le dommage est arrivé.

UMUTWE WA III: INGINGO Z'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER III: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE III : DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 12: Ingingo y'inzibacyuho

Article 12: Transitional provision

Article 12: Disposition transitoire

Ibibazo by'abahohotewe byashyikirijwe urwego

All pending cases filed at the organ in charge of

Toutes les affaires en cours soumises à l'organe

Official Gazette n° 34 of 22/08/2011

rushinzwe imicungire ya pariki z'igihugu cyangwa inkiko bitarakemuka, bizasuzumwa hashingiwe kuri iri tegeko.

National Parks or Courts of law shall be settled in accordance with this Law.

chargé des Parcs Nationaux ou aux juridictions seront résolues conformément à la présente loi.

Ingingo ya 13: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa ry'iri tegeko

Article 13: Drafting, consideration and adoption of this Law

Article 13: Initiation, examen et adoption de la présente loi

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en Kinyarwanda.

Ingingo ya 14: Ivanwaho ry'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Article 14: Repealing provision

Article 14: Disposition abrogatoire

Ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo zivanyweho.

All prior legal provisions inconsistent with this Law are hereby repealed.

Toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 15: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Article 15: Commencement

Article 15: Entrée en vigueur

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku muni ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

This law shall come into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, kuwa 27/07/2011

Kigali, on 27/07/2011

Kigali, le 27/07/2011

Official Gazette n° 34 of 22/08/2011

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)

KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)

KAGAME Paul
Président de la République

(sé)

MAKUZA Bernard
Minisitiri w'Intebe

(sé)

MAKUZA Bernard
Prime Minister

(sé)

MAKUZA Bernard
Premier Ministre

**Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya
Repubulika:**

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République :

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministry of Justice/Attorney General

(sé)

KARUGARAMA Tharcisse
Ministre de la Justice/Garde des sceaux